# Idinari ryiza kuruta ayandi umuntu atanze: Ni iryo atanze aha abo ashinzwe, hagakurikiraho iryo umuntu atanze aha itungo rye ajyana mu nzira y'Imana, n'idinari umuntu atanze aha bagenzi be mu nzira y' Imana

Hadith yaturutse kwa Thawbani (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Idinari ryiza kuruta ayandi umuntu atanze: Ni iryo atanze aha abo ashinzwe, hagakurikiraho iryo umuntu atanze aha itungo rye ajyana mu nzira y'Imana, n'idinari umuntu atanze aha bagenzi be mu nzira y' Imana." Abu Qilaabat yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahereye ku bo ishinzwe, Abu Qilaabat arangije aravuga ati: Ninde muntu waza arusha ibihembo wa wundi uha ibitunga abo ashinzwe bakiri bato, abatoza ubupfura, Allah akabagira ab'umumaro kuri we!"

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje inzira zitandukanye zo gutanga imitungo mu nzira ya Allah, ndetse inazitondekanya ikurikije iy'itegeko kurusha izindi, igihe zahuriranye; ahera kuyikomeye kuruta izindi; Avuga ko umutungo urusha iyindi ingororano ari wa wundi umuyisilamu atanze awuha abo ashinzwe nk'umugore n'abana be. Hanyuma hagakurikiraho gutanga umutungo ku kigenderwaho cyawe nk'ifarasi cyagenewe kujya ku rugamba uharanira inzira ya Allah. Hanyuma hagakurikiraho gutanga umutungo uha bagenzi bawe n'inshuti zawe kubera ko nabo baharanira inzira ya Allah.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3267